

**YEZU ABONEKERA AGNES KAMAGAJU  
I KIBEHO TARIKI 06/06/1983**

**Ibonekerwa ryatangiye sa cyenda n'iminota 9 rirangira saa kumi n'imwe za nimugoroba.**

- Nagerageje uko nshoboye
- [ ..... ]
- Ku mbaraga zanyu, naho ku bwanjye nta kintu nakwishoborera.
- Ntabwo nabivuze. N'ukonumvaga jyewe nta mbaraga nari mfite, nabivugaga niganirira.
- [...] Ni bwinshi cyane, nta wabona ikintu yabikorera.
- Muduhana inshuro nyinshi cyane ariko ntitwumva.
- Ndumva ibyongibyo ntabisobanukiwe neza.
- [.....]

*Atera indirimbo: Ndi umugati ubeshaho. Ayiragije akomeza agira ati:*

- [.....]
- Amagambo mwambwiye ni menshi cyane, ndabigerageza [....]
- Bigeza igihe byakuzuye bikagabanuka.
- Kuri bo ni makeya cyane. Abo impamvu ni nyinshi [.....]
- Nyamara naraye mbimubajije arambwira ngo nta kintu nkubwira [....]
- Nari maze iminsi nishimye kandi ntanishimye.
- Igihe gisigaye nicyo gito cyane
- Kikaba igihe gito gisigaye cyo kubashimisha, mukampa kubabara [....]
- BBimwe turabikurikiza ibindi bikaturengaho. Turabyumva ibindi ntitubyumva. Turabibona ibindi ntitubibona.

*Atera indirimbo: „Nzasingiza Imana iteka ryose n'aho ndi hose“ .Akomeza agira ati:*

- Naho umuntu ari hose yibuka uwamuremye.
- Utamwibuka se yabona ko yaremwe na nde?
- Iby'isi byo ntawabyishinga.

*Akomeza ya ndirimbo: „Nta rukundo rwaruta ... “*

- Ibyo se mutagombye kubimbaza ntabwo mwebwe mubyiruziye?
- Impamvu ibibatera ni jye uyibasobanurira?
- Kubera iki se mugomba guhindura?
- Ibiyirimo byose ni ibyanyu, ntabwo ari ibyacu.
- Ibikorwa dukora byose ni mwebwe tubikorera, nta wundi.
- Ubwo se umuntu yakora, akorera amaso y'abantu, n'iby'isi gusa, bikamarira iki?
- Hanyuma se yakorera amaso y'abantu, ayanyu yayabwira ngo iki?
- Kuki se muvuze ngo ntabwo tuzongera kwivuga, tuvuga mu migani, ahasingaye tuzajya tuvuga mu bitari imigani?
- Ibyo koko ntimubesheye, hariho abantu b'injiji koko!
- Imitima ya bamwe na bamwe iracyariho igihu kiyibambilseho.
- Ubwenge bwa bamwe [...]
- Amatwi ya bamwe arazibye, amaso ya benshi ntabwo abona. Abamurikiwe ubu nibo bake cyane.

- Nibyo maze kumubwira numva hagomba imbaraga nyinshi cyane n'amasengesho byo kubigeraho.
- Uwasabye yarahawe, utarasabye ntiyahawe.
- Ubuse ko hari usaba inshuro nyinshi ntahabwe, aba yasabye nabi?
- Aba yasabye umutima we uri ahandi atari mwebwe ugana?
- Nta gihe uburangare buzashira [...] amagambo yo sinakubwira! Agahinda hafi ya bose bamwe kazabahirika.[...]
- Ibitera agahinda ni byinshi cyane ari ibyo tubona ari n'ibyo mutwiyerekera. Namwe ndabona mugafite, ikibibatera kenshi ni twebwe!
- Sinabona mugafite ngo jyewe nkabure. Ko ari mwe se mubitegeka mukabona byinshi, kandi mushobora kureba ibyo tutareba, ibyo byose mwagiye mubitunganya ko ari byinshi cyane!
- Ndareba nkabona mubabajwe na byinshi.
- Oya nako [...] sinifuza ko mwagenda;
- Kenshi igehe dukunda kubonana namwe, nta mahungezi aba ariho kenshi mbona mubabaye. Ntabwo nabyisobanurira mutabinsobanuriye.
- Ko wambwiye ko ntawe ugomba kwibagirwa intwaro, nanjye singomba kuyibagirwa.
- Sinarakaye. Ntabwo narakaye! Mwagira ngo nishime gute?
- Nababwiye Mukiza nti: iyo mubabaye nanjye ndababara.
- Iyo muje mwishimye n'abandi bose barshima. Iyo muje mubabaye nabo barababara.
- Ayo mahwa se mwayakuyeho?
- Kumbwira ngo hari imitima ikiriho amahwa
- Izo nzira ebyiri se mwazibabujije
- Bene nk'uwo mubimubwiye yayoboka inzira imwe.
- Yego mufasha uwifashije, ariko nk'uwo mwabimugiramo.
- Narabibonye ntabwo nifuza gusubira kubireba.
- Narabibonye uba uri babiri
- Mbona nta herezo ryarwo
- Tuzakizwa kenshi no guhabwa amasakramantu yose.
- Igihe se batabiftiye umutima, umuntu yakora iki ngo babyemere?
- Nyamara ibyo nta gihe mutabimbwira, inshuro nyinshi murabinyibutsa cyane.
- Naho ku isi, ibibabaza ni byinshi cyane. Hari nk'uhura n'ingorane nyinshi akagira ati ntimumubona. Haba ubwo imbaraga zibana umuntu nke cyane.
- Utagerageza uwo we ntiyabura kubababaza.
- Ubwo se utarakurikira ibyo muvuga mu gihe mukitubwira, nyuma azumva ate?
- Ngo ko duhanze amaso ibiriho ubu ntidusubize amaso inyuma ngo turebe ibizaza, ngo bizagenda bite?
- Ngo ko watubwiye byinshi tukanga kumva, mu gihe uzaba utakitubwira hazacura iki?
- Ngo ko waduhannye ingeso nyinshi cyane, tukazireka izindi ntituzireke, mu gihe utazaba ukitubwira unaduhana bizamera bite?
- Ngo ku isi hari ibibura-bwenge, iyo bibonye akanya byiyuzuriza inda nta kindi biba bishigaje.
- Aba aruzi ko yabihawe n'Imana.
- Igihe atayibyibutsemo irabimwambura.
- Turabizi ko ari intizo.
- Igihe abyibutse irabimuhembera.
- Ntabwo dushobora kubimenza, ntitumenya niba ari cyo yahembewe.
- Ntabwo mwaje gukina, mwahagurukijwe na byinshi byari mu bantu.
- Iyo mudahaguruka, byinshi biba bimaze kugera ku ndunduro.
- Ni aho tugeza amaso ariko ntabwo ari hose.
- Kubera ko harimo byinshi cyane, umuntu bikamutera gushidikanya.
- Usabye urumuri azamurikirwa.
- Usobanuje turabimusobanurira ariko hari n'ibyo tudashobora gusobanura.
- Tubona ko ari mwe muba mwamwihamagariye.
- Hari nk'uzza bwa mbere, inshuro ya kabiri yagaruka akaba ahindutse ntazongere kugaruka.

- Ntabwo bakibyifusa cyane.
- Uwo ushaka ibitangaza ni uba agishidikanya; naho se ubyemera?
- Igihe cyose ukunda kubitanga ariko byemera bake.
- Kibakomotseho se?
- Na we yakwushima cyane.
- Twabonye ibyiza byinshi.
- Twabonye ibishimishije.
- Nakwushima kurushaho.
- Ndababona ahantu heza cyane
- Ndabona ari ahantu hahora hafutse, hari amafu meza.
- Uwahagera akahigumira.
- Muri mu rumuri rwinshi cyane.
- [.....] yaba yishimye cyane.
- Ndumva umutima wanjye ufutse.
- Ntabwo basa natwe
- Ndabona ari beza cyane ku buryo nta muntu basa.
- Ubu se ko munyereka bamwe bambaye ubururu abandi ibyera. Mwebweho murahindura ariko nabo bari hafi ya bose baba bambaye ibyera.

*Atera indirimbo : “Roho yanjye singiza Nyagasanî”, hanyuma akomeza agira ati:.*

- Abo bazabimbaza kenshi.
- Nzabasobanurira iki se? Ko bazabimbaza kandi?
- Ubwo se ku isi urareba ukabona twabigeraho?
- Turabyizeye.
- Ngo tubikurikiranye twabigeraho?
- Ariko tutakiri hano ku isi!
- Nari ngatangaye .

*Atera indirimbo : « Nzakwogeza Nyagasanî, Imana yanjye... » hanyuma akomeza agira ati :*

- Ibyiza mwangiriye ni byinshi cyane sinabona uko mbivuga.
- Si jye jyenine.
- N'uko mutadutereranye igahe cyose, muza mutwibutsa kubagarukira mukaduha abatwigisha n'abatuyobora, mukadukiza ubumuga bw'umubiri n'ubwa Roho, mukatuyobora inzira nziza, mukarwanya umwanzi ashaka kutworeka, mukadushyiramo umurage mwiza.
- Ntawe ndebera mu mutima.
- Bamwe ni beza abandi ntabwo ari beza.
- Ni byinshi cyane, ngira ngo nta munsi wira umuntu wese atabibonye.
- Urugero nabaha ni nk'uko umuntu yabuze nk'ikintu arya, akareba ahantu ari bugikure bikamushobera kandi abana bamuririra hirya no hino, akabiyambaza ati : « Nyagasanî undamutse muri iri joro », ntabwo bwira atakibonye. Cyangwa uri mu byago ati : « Nyagasanî rwose reba ukuntu meze », ukabimukuramo.
- Ababyibuka ni bake cyane.
- Igice nakibonye ariko sinabona uwo ari we.
- Ubwo se jye nazakura he ubuki?
- Nabuhawe namwe ariko se ntimwari mwambwiye ko nzabugumana?
- Nzakora inyigisho ikomeye cyane?
- Ntabwo nabikomeraho na mbere mwabimpaye ntazi aho biturutse. igahe mumbwira kubitanga nabikora.
- Ndadufite ariko ntabwo kari kameze nkako.
- Ndabona utundi. Nizeye ko muzatunyoherereza.
- Ntabwo mwaba mukandekeye umwanya mukiri hano, mwajya kunsezeraho nkakabaha?

- Ubu se mwansezeraho aka kanya?
- Mwari mwambwiye ko hari abantu batatu muzaha amashapule. Ibi ntimwari mwabimbwiye.
- Kenshi iyo nabaga nywufite, ntabwo natinyaga n'ikirura, numvaga kitanshobora.
- Ubu se nzajya nambara iki? (*Afungura umusaraba n'akadari byari ku mukufi yambaye mu ijosi. Ibyo abikora ahanze amaso Yezu umubonekera, bagumya kuvugana*).
- Ntabwo mbabaye.
- Urabiruzi!

*Atera indirimbo: „Kumusaraba Yezu Mukiza... Ubwo amanuka kuri podium ayobowe kuko yamanutse, atareba amadarajya y'urwego, akomeza kugenda ahanze amaso mu kirere, ageze imbere y'umubikira [.....] arawumuhereza, ariko amaze kumubwira ubu butumwa):*

- Ngo akira umusaraba wa Yezu Kristu, ngo ujye wibuka ko ari wo wagucunguye, kandi ujye uhora ushimisha Imana kuko ingabire wahawe ari yo yaziguaye, kandi ujye ukunda Bikira Mariya umwiragize igihe cyose, umenye ko n'ibyo ufite byose ari we wabiguaye kandi ko n'intambwe wagezeho ari we wayikugejejeho.
- *Umubikira ati: Murakoze. (Agnès asubira kuri podium na none ayobowe, akomeza atya):*
- Arishimye.
- Uwo nzajya ngendana se?
- Urakoze.
- Ni Bikira Mariya tubikesha, niwe uhora adutakambira.
- Ko mwari muvuze ngo muhe umusaraba (nkaba ntanze n'umudari)?
- Utari ingabo ya Mariya se ni inde? Burya twese ntabwo turi ingabo ze?
- Ntacyo bitwaye.
- Urukundo kenshi mu bantu nirwo mwifuza.

*Atera indirimbo: „ Twe abayoboke ba Yezu dukundane..”*

- Turabizi ko ku musaraba ari ho mwaboneye ibyago byinshi
- Niho mwatsindiye.
- Umaze akanya gato cyane ndumva ari nk'iminota ibiri mumaze!
- Ko nduzi se ari gatoya cyane!
- Yoo! Ntabwo nabivuze nkomeje kuko navuze ngo iyaba yari ahinduye akaza undi munsi, nabivugaga nkurikije uko numva meze. Ni intege nkeya ga!
- None se imbaraga hari igihe mutazimpaye!
- [.....]
- **Nari ngatangaye!**
- Kuki muvuze ngo ntimugeza kuri iyo saha tukiri kumwe!
- Uwo mugisha se ko mwajyaga muwutwihera cyangwa mukatuvomera, none mukaba mutakituvomera!
- Nshatse kubibutsa ko twatse amazi!
- Twahera iki gihe tukazageza ryari ko amapfa yacanye cyane!
- Ariko mwagezagaho mukatwoherereza (imvura).
- Erega noneho ni ukujya nza mbyitwaje!
- Mwazaga mutareba kuko ntabwo duheruka kuvomerera imitima ya bamwe yarumiranye.
- Kuvomerera cyangwa kureba imitima byose si kimwe, ibyo mukoresheje byose ntabwo mushobora kuturora?
- Urugo iyo utaruvomereye ari ku zuba ntirubura (kunanuka)
- Kuko ibyaha bimwe na bimwe by'inkomoko bikizwa n'amazi.
- Murabimbwira kandi mukagaruka mukambaza ?
- Ntabwo ari amazi gusa.
- N'abashinzwe Roho zazu ku isi barabikiza.

*Atera indirimbo: “Abatakuzi, bahe kukumenya....”*

- Hamwe ni umwijima , ahandi hari urumuri. Umwijima uri ibumoso, umucyo uri iburyo. (*Mu kirere aho Agnès yari ahanze amaso mu zuba, twe ntawarirebagamo ngo abishobore, Icyakora ibyo yavugaga, hari igicu cy'umukara ku ruhande rumwe rw'izuba, ku rundi ruhande hari umucyo. Arikò ibyo ntibyari mu kizubazuba, ahubwo byari ku mpande mu kirere*).
- Hameze nka hamwe mwigeze kunyerekwa.
- Ndabona aho muri ari heza cyane ahandi ari habi.
- Hamwe ni umwijima.
- Umwijima ni uw'urupfu.
- Urumuri ni urw'ubuzima.
- Ngo iyo mutubwira kwiruka tubasanga tugasanga umwijima, ngo twibaza iki?
- Ntabwo umwijima ubashimisha na gatoya.
- Kuko uvuze ngo urumuri ni urw'ubuzima, umwijima ni uw'urupfu!
- Ndabona inzira ebyiri. Imwe ni ibasanga indi sinzi aho ijya.
- Niduca mu itabasanga ntabwo muzatwakira.
- Ntabwanga kuza aho uri. Buri wese niko ahora yifuza.

*Atera indirimbo: „Umwami ageze iwacu...“*

(*Hari saa kumi n'iminota 43 mu gihe yaririmbaga areba mu zuba, noneho duhindukiye turirebyemo tubona rihindutse icyatsi kibisi. Mu gihe abari aho bitegerezza ibiri mu zuba n'ukuntu bishashagira ari icyatsi kibisi, hishushanyijemo umusaraba n'inzira ebyiri. Bamwe barabibonaga abandi ngo ntibabibonye, arikò iby'uko izuba ryahindutse icyazsi kibisi bose barabibonaga. Mu gihe rero bari bakibyitegerezza Agnès akomeza atya*):

- Murakoze kuko mwifusa ko tuva mu mwijima, ahubwo ko twahora utumurikira.
- Yaraye ambwiye ko ngomba [.....] no gusaba imbaraga igithe cyose, ngasaba urumuri kugira ngo murikirwe muri byinshi. Icyo yageretseho ni uko yambwiye ko atari jyewe jyenyine ugomba kubisaba.
- Yarabimbajije ibyo mwari mwambwiye.
- Nabonaga yambaye imyenda isa nk'ukonguko. Keretse mu mutwe gusa yari ubururu.
- Ntabwo yari ababaye kandi ntabwo yari yishimye.
- Nta bari bahari.
- Ngo ni amasezerano ye nanjye (*aramwongorera*).
- Ubwo se ko uba umbaza nabibwirwa n'iki ko mutabumvugishije cyane! (*arongorera na none*)
- Yee...
- Mwari mwabimbwiye namwe.
- Yezu mpa kugukunda.
- Mwari mwambwiye saa kumi n'igice.
- Ubwo se turaba dutindanye cyane?
- Ubwo mwazivuze murazigezaho.
- Ntabwo mbategeka mukora icyo mushaka.
- Ngo mu kanya gato gasigaye nimbasobanurire ibyo yambwiye.
- Ngo hari abagifite imitima ikirimo amahwa.
- Ngo hari abagifite amaso atabona.
- Ngo hari abagifite ubujiji.
- Ngo hari abafite amatwi arikò akaba atarazibuka.
- Ngo hari abafite ubwenge kandi bakaba batazi kubukoresha neza (*Agnès ati: Ibindi simbyibuka*).
- Ngo hari n'abataramurikirwa, ngo hari abakiri mu mwijima.
- Ngo abafite amatwi atarazibuka mugerageze gusaba kurushaho kugira ngo arusheho kuzibuka.

- Abagifite umutima urihu igihu basabe kugira ngo icyo gihu gishire ku mutima wabo.
- Abakiri mu nzira mbi basabe kugira ngo bagaruke mu nzira nziza.
- Abataramurikirwa barusheho gusaba kenshi na kenshi kugira ngo bamurikirwe.A
- Abataragera mu nzira nziza basabe kenshi kugira ngo Yezu ayibagaruremo.
- Kandi ngo abategereje ko Ushobora-byose ari we uzabigarurira, abongabo barasigaye.
- Mutamugaruye se yazagarurwa na nde?

*Atera indirimbo : « Abatakuzi bahe kukumenya... »*

- Ubwo se muzagaruka ryari?
- Yee.
- Abahinduka bahinduke, abemeye bemire, abananiranye barekere aho.

*Atera indirimbo : « Nyagasani tuza roho yanjye iruhande rwawe mu mahoro ..».*

*(Ayiririmba ahindukira impande enye, noneho izo mpande amaze kuziha umugisha muri iyo ndirimbo arahagarara, aririmba igitero kimwe cyayo n'inyikirizo. Birangiye):*

[.....]

- Ngendane nawe.  
*(Yitura hasi , ibonekerwa rirangira ubwo).*